REPUBLIQUE RWANDAISE

SERVICES DU PREMIER MINISTRE

Kigali, le 01 JUIN 1999

Réf.: N° 335/03.4.1

A traiter par ..................

Date entrée : 01/6/99

N° Classement : 889/81

**Madamu, Bwana Minisitiri (Bose)**

**Madamu, Bwana Sekereteri wa Leta (Bose)**
**KIGALI**

Madamu, Bwana Minisitiri,

Madamu, Bwana Sekereteri wa Leta,

Bimaze kugaragara ko bamwe muri mwe badakurikiza uburyo bwemewe bwo kohereza amabaruwa y'akazi.

Niyo mpamvu nifuza kongera kubibutsa uburyo ayo mabaruwa anyuzwamo, mbasaba kongera kwiyambaza iteka rya Minisitiri w'Intebe n°04/02 ryo ku wa 17 Ugushyingo 1994 rishyiraho amabwiriza yerekeranye n'imikorere ya Guverinoma.

Mugire amahoro.

**Petero Selesitini RWIGEMA**

**Minisitiri w'Intebe**

**Bimenyeshejwe:**

- Nyakubahwa Perezida wa Repubulika

- Nyakubahwa Visi Perezida wa Repubulika
  **KIGALI**

*B.P. : 1334* *Tél. : 8 5444* *Fax : 8 3714*

y'amategeko cyangwa se iyo ari amategeko-teka, iherekezwa n'akandiko kayitambutsa iyo ari imishinga y'amabwiriza. Isuzuma ry'iyo mishinga mu nama y'abaminisitiri ribera kuri izo nyandiko zisobanura impamvu y'iyo mishinga y'amategeko cyangwa ziyihitisha. Byemejwe n'inama y'abaminisitiri, inyandiko ubwayo ishobora kwigwa ingingo ku yindi.

Ku zindi ngingo, dosiye yigwa igizwe n'ibindi bya ngombwa byose bituma igibwaho impaka ikanafatirwa ibyemezo n'inama y'abaminisitiri.

Iyo ibyari kuri gahunda y'inama y'abaminisitiri bihetuwe, ijambo rihabwa abaminisitiri bafite icyo batangariza inama. Biba ari ibibazo inama y'abaminisitiri isanga ari ibiziye igihe mu gutangarizwa abandi, kandi bitari bugibweho impaka ndende ngo binafatirwe ibyemezo n'inama y'abaminisitiri. Abaminisitiri bafite ibyo batangaza babivuga gahunda y'ibyigwa icyemezwa.

Ariko kandi byemejwe na Perezida wa Repubulika cyangwa se n'undi ugize iyo nama, kandi bikemerwa, ingingo iyi n'iyi yatangajwe ishobora guhitishwa mbere y'ibyari kuri gahunda, ikanafatirwa ibyemezo. Mbere yo kurangiza impaka z'inama y'abaminisitiri, abaminisitiri bifuza gushyirisha kuri gahunda y'inama itaha ingingo izi n'izi babimenyesha Umunyamabanga mukuru wa Guverinoma, akabizirikana mu gusaba ibyashyirwa kuri gahunda y'ibyigwa.

III. 4. **Nyuma y'imirimo y'inama y'abaminisitiri.**

**a. Gutangaza ibyagiweho impaka no gukurikiza ibyemezo byafashwe.**

Mu gushishikazwa no kumara inyota ya rubanda yo kumenya amakuru, inama y'abaminisitiri irangizwa n'itangazo ryanditse rigenewe ibinyamakuru. Kuko inshingano yayo ari ukumenyesha no guhamya ibikorwa bya Guverinoma, iryo tangazo ritegurwa n'umuvugizi wa Guverinoma yunganiwe n'Umunyamabanga mukuru wa Guverinoma.

Bitewe n'uburemere bw'ingingo zizwe, inama y'abamaninisitiri ishobora gusaba umuvugizi wayo kubyitangariza ubwe kuri radiyo y'igihugu.

Amadosiye yizwe mu nama y'abaminisitiri arangizwa na minisiteri zayatangiye hamwe n'Umunyamabanga mukuru wa Guverinoma keretse inama y'abaminisitiri cyangwa se dosiye ubwayo isaba kurangizwa ku bundi buryo.

Umunyamabanga mukuru wa Guverinoma akurikirira hafi imirangirize y'ibyemezo by'inama. Abishyirishaho umukono w'ubishinzwe byaba ngombwa n'uw'abandi bireba. Ibyemezo byafashwe n'inama y'abaminisitiri agomba kubisohora nta nenge mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

**b. Inyandiko mvugo z'impaka no kubika amadosiye.**

Buri gihe nyuma y'inama ya Guverinoma, Umunyamabanga mukuru wa Guverinoma akora inyandiko mvugo n'itonde ry'ibyemezo byafashwe. Inyandiko-mvugo y'inama ya Guverinoma igezwa ku ba Minisitiri vuba cyane. Iyo imaze kwemezwa n'inama y'abaminisitiri ikurikiyeho, iyo nyandiko-mvugo iriho umukono wa Minisitiri w'Intebe ihabwa abaminisitiri kugira ngo ibyemezo bishyirwe mu bikorwa.

Ibyemezo by'inama ya Guverinoma bishyirwa ukwabyo, bigasinywa na Minisitiri w'Intebe n'abaminisitiri bahari.

**c. Raporo y'imyubahirize y'ibyemezo.**

Buri mezi atatu Umunyamabanga mukuru wa Guverinoma akora raporo y'imyubahirize y'ibyemezo by'inama y'abaminisitiri. Iyo raporo igaragaza ibyemezo byafashwe muri icyo gihe, ibyemezo bya mbere y'aho bitari byarangizwa kubahirizwa, ikanerekana aho bigeze byubahirizwa. Abaminisitiri iyo babisabwe bagomba gutanga ibisabwa byose byakuzuza iyo raporo.

## IGIKA CYA IV.

## UMWANZURO.

Ururimi rukoreshwa mu mpaka z'inama y'abaminisitiri ni ikinyarwanda. Buri minisitiri agomba kumenyesha abayobozi b'inzego z'imirimo za Minisiteri ashinzwe, ibikubiye muri ino nyandiko, buri wese ku bimureba.

Minisitiri w'Intebe,
Fawusitini TWAGIRAMUNGU.
(sé)